

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina

Nyakanga 2011

ISHAKIRO

IMPINE	iii
1. INTANGIRIRO	4
1.1. <i>Igisobanuro cy'Ihohoterwa rishingiye ku gitsina</i>	4
1.2. <i>Uko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryifashe mu Rwanda muri iki gihe</i>	5
Imiterere y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'uko ryifashe	5
Ingaruka zituruka ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina	6
Indangagaciro z'umuco nyarwanda zifasha gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe	7
1.3. <i>Amavu n'amavuko y'ikibazo n'ibigitera</i>	8
1.3.1 <i>Uko ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze: Uko byifashe mu Rwanda</i>	8
1.4. <i>Uburyo bwakoreshejwe mu gutegura iyi Politiki</i>	13
2. INGAMBA RUSANGE ZIRIHO	13
2.1. <i>Intego z'iterambere z'Ikinyagihumbi</i>	13
2.2. <i>Icyerekezo 2020</i>	14
2.3. <i>Gahunda yaguye y'Imbaturabukungu no Kugabanya Ubukene (EDPRS)</i>	14
2.4. <i>Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 (2010-2017) igenderwaho muri iki gihe</i>	14
2.5. <i>Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye</i>	14
2.6. <i>Politiki y'Igihugu yo Kwegereza Abaturage Ubuyobozi n'Ubushobozi</i>	14
3. ICYEREKEZO N'INTEGO BIKUBIYE MURI POLITIKI Y'IGIHUGU YO KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA.....	15
3.1. <i>Icyerekezo cya Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina</i>	15
3.2. <i>Intego shingiro igamijwe mu rwego rwa Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina</i>	15
3.3. <i>Intego</i>	15
Intego rusange.....	15
3.4. <i>Politiki zashyizweho n'intego zashyizwe imbere</i>	16
Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina.....	16
Amategeko na politiki bigamije kwimakaza uburenganzira bwa muntu n'iterambere	16
Gushakira umuti ibibazo bifatiye ku muco	16
Uruhare rw'abagabo n'abahungu.....	17
Uruhare rw'abaturage n'inshingano ya buri wese	17
4. INGAMBA ZIGAMIJE GUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA NO GUFASHA ABARIKOREWE.....	17
4.1. <i>Intangiriro</i>	17
4.2. <i>Ingamba</i>	18
5. URUHARE RW'INZEGO ZITANDUKANYE MU GUSHYIRA MU BIKORWA POLITIKI Y'IGIHUGU YO KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA	23
5.1. <i>Intangiriro</i>	23
5.2. <i>Urwego rw'igihugu rushinzwe guhuriza hamwe ibikorwa</i>	23
Ibikorwa ku rwego rw'inzego z'ibanze	24
5.3. <i>Abafatanyabikorwa bafite uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina</i>	26
Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango	26
Minisiteri y'Ubutabera.....	26
Minisiteri y'Uburezi	26
Minisiteri y'Ubuzima.....	26
Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo	26
Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu.....	26
Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu	27
Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi	27
Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco	27
Minisiteri y'Ingabo	27
Minisiteri Inshinzwe Ibikorwa by'Inama y'Abaminisitiri	27
Inteko Ishinga Amategeko	27
Uturere	28
Inama y'Igihugu y'Abagore.....	28
Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO)	28
Polisi y'Igihugu (RNP)	28

Ubushinjacyaha Bukuru (NPPA).....	29
Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC).....	29
Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.....	29
Urwego rw'Umuvunyi.....	29
Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC).....	29
Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Kurwanya Jenocide.....	29
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare.....	29
Urwego Ngishwanama ku Miyoborere (RGB).....	30
Imiryango itegamiye kuri Leta, Imiryango ikorera mu baturage n'abakora muri sosiyete sivili.....	30
Imiryango ishamikiye ku madini cyangwa ku matorero.....	30
Ibitangazamakuru.....	30
Urwego rw'abikorera.....	30
Imiryango mpuzamahanga n'abaterankunga mu iterambere:.....	31
6. UMWANZURO.....	31
7. AMAFARANGA AKENEWE.....	31

IMPINE

AIDS	SIDA
CRC	Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana
CBO	Imiryango ikorera mu baturage
DHS	Ubushakashatsi ku buzima n'imibereho myiza y'abaturarwanda
EDPRS	Gahunda yaguye y'Imbaturabukungu no Kugabanya Ubukene
FBO	Imiryango ishingiyeye ku madini no ku matorero
FFRP	Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko
GBV	Ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina
GMO	Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu
GOR	Guverinoma y'u Rwanda
HIV	Virusi itera SIDA
ILO	Umuryango Mpuzamahanga wita ku Murimo
MDG	Intego z'Iterambere z'Ikinyagihumbi
MIFOTRA	Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo
MIGEPFOP	Minisiteri yo muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe ishinze Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango
MIJESPOC	Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
MINECOFIN	Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi
MINEDUC	Minisiteri y'Uburezi
MINALOC	Minisiteri y'Ubutehgetsi bw'Igihugu
MINIJUST	Minisiteri y'Ubutabera
MININTER	Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu
MINISANTE	Minisiteri y'Ubuzima
NGO	Umuryango utegamiye kuri Leta
NWC	Inama y'Igihugu y'Abagore

1. INTANGIRIRO

1.1. Igisobanuro cy'Ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Mu by'ukuri nta gisobanuro cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina gihuriweho na bose. Nyamara ariko ingingo ya 1 y'Itangazo ry'Umuryango w'Abibumbye ryerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore rikubiyemo igisobanuro cy'ihohoterwa rikorerwa abagore dushobora gushingiraho mu gusobanura ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Iyo ngingo ivugako ihohoterwa rikorerwa abagore ari "igikorwa icyo ari cyo cyose cy'ihohoterwa umuntu akorerwa kubera ko ari igitsina gore ku buryo icyo gikorwa kimwangiza cyangwa kikamutera ububabare bwaba ubw'umubiri ndetse n'ububabare bwo mu buzima bwe burebana n'imibonano mpuzabitsina cyangwa kikamutera ihungabana harimo no kuba yakangishwa gukorerwaho icyo gikorwa, agashyirwaho agahato cyangwa akabuzwa kwishyira akizana ku bw'amaherere kandi icyo gikorwa akaba yagikorwa mu ruhamo cyangwa ahantu hiherereye." Umwanzuro w'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye werekeye Guca Burundu Ihohoterwa ryo mu Ngo Rikorerwa Abagore ugaragazako hari ibindi bikorwa bigomba gufatwa nk'ihohoterwa ari byo "kwima abagore amahirwe no kubima uburenganzira ku mutungo..... [iby] bikaba bishobora kubangamira umutekano wabo, ubuzima bwabo cyangwa imibereho myiza yabo"¹. Uhereye kuri iki gisobanuro, wavugako iryo hohoterwa rikubiyemo kandi ibikorwa byo gusambanya umuntu ku gahato no kumuhohotera mu buzima bwe burebana n'imibonano mpuzabitsina.

Dushingiye ku myumvire abantu bafite aho bumvako hari ibikorwa abantu bagomba gukora bitewe n'uko ari ab'igitsina iki n'iki, dushobora kuvugako kuba umuntu yitirirwa igitsina iki n'iki ari byo bituma abagize sosiyete babona ko agomba guhabwa inshingano izi n'izi, kurangwa n'imyitwarire iyi n'iyi ndetse n'indangagaciro izi n'izi. Ariko na none ibyo byose ni ibyo abagize sosiyete bishyiriraho bikaba bigaragaza uko abagabo n'abagore, abakobwa n'abahungu babonwa mu mucu uyu n'uyu no muri sosiyete iyi n'iyi. Izo nshingano sosiyete yumvako zigomba kuba iz'umuntu uyu n'uyu kuberako ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore maze zigatuma abagabo bahabwa ububasha butandukanye n'ubw'abagore ku birebana n'ifatwa ry'ibyemezo no guhabwa uburenganzira ku mutungo zitangira kwigirwa no gushimangirirwa mu ngo no mu miryango bitewe n'uburyo bw'imikoranire buri hagati y'abagize izo ngo n'iyi miryango.²

Ni yo mpamvu ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigomba gufatwa nk'igikorwa gikorwa umuntu kikamutera ububabare bwaba ubwo ku mubiri, bwaba ubuterwa no kumuhohotera mu buzima bwe burebana n'imibonano mpuzabitsina, ubwo na ntekerezo cyangwa ubumubangamira mu mibereho ye muri sosiyete kandi iryo hohoterwa akarikorwa bitewe n'umwanya ahabwa muri sosiyete hashingiye ku kuba ari uw'igitsina iki n'iki. Nk'uko bigaragara mu Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rivuga:

"Igikorwa [icyo ari cyo cyose] gikorwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina n'icyo kumwima uburenganzira ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo".

Amagambo " kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo" agomba kumvikana nk'asobanura igikorwa cy'ihohoterwa icyo ari cyo cyose umuntu akorerwa bitewe n'uko ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore.

Itegeko ribuza ku buryo bugaragara ihohoterwa umuntu akorerwa bitewe n'uko ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore cyangwa se bitewe n'inshingano sosiyete yumvako ari zo "zimukwiriye". Nubwo hariho iryo tegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikomeje kuba ikibazo mu Rwanda. Haracyagaragara cyane ibikorwa bitandukanye by'ihohoterwa rikorerwa mu ngo, iby'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ibyo kuvutswa uburenganzira bushingiye ku mutungo n'ibindi bikorwa bitandukanye byo guhoza umuntu ku nkeke mu kazi no mu bigo bitewe n'uko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo. Nubwo abagore n'abakobwa ari bo benshi bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi bikaba bigaragarako iryo hohoterwa barikorwa cyane cyane n'abagabo n'abahungu, ntutugomba kwibagirwako abagabo n'abahungu na bo bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina bityo abagore na bo bakaba bashobora gukora iryo hohoterwa.

¹ Umwanzuro w'Inteko Rusange 58/147, A/RES/58/147, 19 Gashyantare 2004, igika. 1(a).

²Iyi politiki ishingira ku mahame akubiyemo mu gisobanuro cy'ijambo "uburinganire" gikubiyemo muri Politiki y'Uburezi bw'Abakobwa yateguwe muri Mata 2008 kuberako iki gisobanuro kigaragaza neza icyo ijambo "uburinganire" rivuga muri sosiyete.

Urwego rushinzwe kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburunganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu rwagaragajeko hariho ibyiciro bikurikira by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

- Ihohoterwa rishingiye ku mutungo: igikorwa cyo kuvutsa umuntu uburenganzira ubu n'ubu bwaba ubwo ku mutungo, ubwo kuzungura, ubwo kubona akazi cyangwa se kumwima andi mahirwe yatuma agira umutungo;
- Ihohoterwa rishingiye ku mubiri: gukoresha ingufu wabigambiriye ugamije guhohotera umuntu, kumukomeretsa, kumutera ubumuga cyangwa kumwica;
- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina: igikorwa cyo guhatira undi muntu hakoreshejwe ingufu, ibikangisho, kumubeshya, hitwajwe umuco, intwari cyangwa amikoro ajyanye n'umutungo kugira ngo mukorane imibonano mpuzabitsina kandi we atabishaka;
- Ihohoterwa rikomeretsa umutima: ihungabana uhohotewe agira bitewe n'ibikorwa akorewe, ibikangisho by'uko yakorerwa ibikorwa ibi n'ibi cyangwa gushyirwaho iterabwoba; kandi ibyo bikangisho bikaba akenshi bifitanye isano n'igikorwa cyerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyangwa ribabaza umubiri³.

Muri iyi Politiki ijamba “uwakorewe ihohoterwa” rivuga uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Nubwo ijamba “uwarokotse” ari ryo rikoresha kenshi hagamijwe kugaragaza imbaraga, kudatezuka n'ubushobozi “uwakorewe ihohoterwa” agaragaza kugira ngo akomeze kubaho, twahisemo gukoresha ijamba “uwakorewe ihohoterwa” kugira ngo twirinde gutera urujijo no kwitiranya ibintu kubera ko ijamba “uwarokotse” rikoresha mu Rwanda hagamijwe kuvuga gusa abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

1.2. Uko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryifashe mu Rwanda muri iki gihe

Imiterere y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'uko ryifashe

Ubwinshi mu bushakashatsi bwakozwe mu myaka itandatu ishize bwerekana ko mu Rwanda hari abantu benshi bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ubushakashatsi ku buzima n'imibereho by'Abaturarwanda bwakozwe mu 2005 bwerekana ko 31% by'abagore bagaragajeko bakorewe ihohoterwa ribabaza umubiri naho abangana na 35% bakaba baragaragaje ko bakorewe ihohoterwa n'abo bashakanye. Ubwo bushakashatsi bwagaragaje ko akenshi abakorewe ihohoterwa bagiye barikorerwa n'abo babana mu miryango – kandi abenshi mu bakorewe iryo hohoterwa bakaba bararikorewe n'abagabo babo cyangwa se abahoze ari inshoreke zabo.

Nk'uko bigaragazwa na Polisi y'Igihugu, ihohoterwa ryagiye ryigaragaza mu buryo butandukanye:

Imbonerahamwe ya 1: Ubwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryamenyeshwe Polisi mu mwaka wa 2009 n'uwa 2010

Ubwoko bw'ihohoterwa	Umwaka wa 2009	Umwaka wa 2010
Abagore bakubiswe n'abagabo babo	388	430
Abagabo bakubiswe n'abagore babo	84	94
Abagore bishwe n'abagabo babo	38	83

³ GMO, Assessment of Intervention Programmes for Gender-based Violence Prevention and Response, 2010, pp. 18-23.

Abagabo bishwe n'abagore babo	31	60
Abagore biyahuye kubera abagabo babo	9	20
Abagabo biyahuye kubera abagore babo	18	31

Aho byavuye: Polisi y'Igihugu, 2010

Kuba umubare w'abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina wamenyeshejwe Polisi y'Igihugu wariyongereye byatewe n'uko abantu bakanguriwe kwita ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi hakaba harafashwe n'ingamba mu rwego rwo gukumira iryo hohoterwa no gufasha abarikorewe.

N'ubwo hashyizwe imbaraga nyinshi mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe, haracyari ibibazo bikeneye kubonerwa umuti:

- Kuba abantu batazi neza amategeko muri yo tukaba twavugaga cyane cyane nk'Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina;
- Imyemerere imwe n'imwe itari myiza ishingiyeye ku muco ikomeje kugaragara mu bantu;
- Kuba bamwe mu bakorerwa ihohoterwa barikorerwa n'abo bakesha amaramuko mu by'umutungo/mu mibereho;
- Kuba nta bakozi, ibikoreho n'amafaranga bihagije mu rwego rwo gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- Kudafasha uko bikwiye abakorewe ihohoterwa bakeneye gukurikiranwa ku buryo bwihutirwa bitewe n'uko haba hari intera ndende hagati y'aho icyaha cyakorewe n'ahari ibigo bitangirwamo serivisi bakeneye ndetse no kuba hatariho uburyo bwo guhanahana amakuru hagati y'abatanga serivisi n'abakorerabushake bo mu nzego z'ibanze (abajyanama b'ubuzima, abagize "club" zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina,...)
- Kuba hatariho uburyo buhagije bwo guhuza serivisi zitangwa

Ingaruka zituruka ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ingaruka zituruka ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni nyinshi kandi ziteye inkeke. Uretse kuba iryo hohoterwa riviramo abantu urupfu ndetse rigatuma n'abandi biyahura, rigira n'ingaruka ku buzima bw'abantu, rikababaza ku mubiri ndetse rikanabahungabanya mu ntekerezo. Ubushakashatsi bwerekana ko ingaruka zituruka ku ihohoterwa zitagarukira gusa ku warikorewe⁴. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni ikibazo kibangamiye ubuzima bw'abaturage bose. Rigira ingaruka itaziguye ku muntu rikamuvutsa uburenganzira bwe butandukanye muri bwo tukaba twavugaga ubwo ku buzima, ku burezi, ku kubona akazi n'ubwo kurindwa iyicarubozo.

Ku birebana no kubabazwa ku mubiri, abakorewe iryo hohoterwa bashobora kubyimbirwa, kuvunika igufa ndetse bikaba byanabaviramo urupfu. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryakunze gufatwa nk'igikorwa cyo guhohotera uburenganzira bwa muntu gikunze kugaragara cyane ariko ugasanga abatuye isi batariha uburemere rikwiye. Ni yo mpamvu Inama Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu yabereye i Viyene yibanze kuri iryo hohoterwa cyane ko ribangamira imibereho y'abantu, rikabatera ububabare ku mubiri, rikabahungabanya mu ntekerezo ndetse rikanabavutsa ubwisanzure. Ihohoterwa rishobora kugira ingaruka zikomeye ku buzima bw'imyororokere y'umugore zikaba zishobora kwigaragaza ako kanya cyangwa zikigaragaza nyuma y'igihe. Muri izo ngaruka twavugaga:

- o Kuba yatwita atabishaka no kuba atabona amakuru ahagije ku birebana no kuboneza urubyaro n'uburenganzira busesuye bwo gukoresha uburyo bwa kijyambere bwo kuboneza urubyaro (contraceptives);

⁴ Reba Kishor, S & K. Johnson, *Profiling domestic violence. A multi-country study*, Carlverton, Maryland: ORC Macro, 2004.

- Gukuramo inda yasamyeye atabishaka kandi ibyo bikaba bishobora kumugiraho ingaruka cyangwa akaba yagira ibikomere igihe akuramo icyo nda;
- Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harimo na virusi itera SIDA⁵
- Guhura n'ibibazo by'indwara z'abagore buri gihe;
- Kugira impagarara mu ntekerezo/guhangayika.

Hari isano ya hafi hagati ya virusi itera SIDA n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Abana bakomoka ku bantu bakorewe ihohoterwa bashobora kuvukana ibibazo by'ubuzima cyangwa bakavuka bafite ibiro bidashyitse. Abenshi usanga bahura n'ingorane mu myigire yabo kandi bakagaragaza imyitwarire y'ubushotoranyi kandi bakarangwa n'imico itari myiza⁶. Abakorewe ihohoterwa ubwabo ndetse n'abahura n'izo ngaruka ku buryo butaziguye usanga akenshi bahura n'ibibazo by'ihungabana ryo mu mutwe muri byo tukaba twavugaga nko guhura bumva batameze neza, kurangwa n'ubwoba, kutigirira icyizere gihagije no kurangwa no guhangayika ku buryo bukabije.

Na none kandi bimwe mu byo ihohoterwa riba rigamije cyangwa zimwe mu ngaruka zaryo harimo gukomeza guha abagabo ububasha ku bagore no kubayobora. Ingaruka nk'iyi ishimangirwa n'umuco wo guceceka no kutemera ko ihohoterwa rigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abantu. Uretse kuba ihohoterwa ribabaza umuntu, unasanga ingaruka zaryo zibangamira sosiyete kandi zikaba n'umuzigo uremereye utari ngombwa kuri serivisi z'ubuzima.

Hari ubushakashatsi bwinshi bwakozwe bwerekanye ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rituma abagore bakorerwa ivangura rituma batagira uburenganzira ku mitungo, ku mibereho myiza ndetse n'ivangura rishingiye ku muco kandi uko kuvutswa ubwo burenganzira akaba ari byo bituma ryiyongera. Ikibazo cyo kuba abagore badafite umutungo uhagije kigaragazwa n'uko usanga nta mutungo batunze cyangwa bacunga bwaba ubutaka, umutungo bwite, umushahara cyangwa inguzanyo⁷.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni ikibazo kigaragaza mu buryo butandukanye kandi kigira ingaruka kuri buri wese mu bagize sosiyete. Hari ubushakashatsi butandukanye bwakozwe bwerekanye ko ivangura rishingiye ku gitsina rigira ingaruka zikomeye ku iterambere ry'ubukungu no ku burenganzira bwa muntu⁸.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ribangamira iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda cyane ko hari amafaranga menshi aritangwaho aba agomba gukoreshwa muri serivisi zishinzwe ubuvuzi, ihungabana ndetse n'umutekano, kandi na none rikaba rituma hakomeza kubaho ubusumbane muri sosiyete butuma abarikorewe ndetse n'abashobora kurikorera badashobora kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu.

Bitewe n'uko rigira ingaruka ku mibereho myiza, ku bukungu, ndetse rikanababaza abantu ku mubiri tutibagiwe no kuba ribatera ihungabana, ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni ikibazo kigomba kwitabwaho ku buryo bwihutirwa. U Rwanda ruri mu nzira nziza igana iterambere ry'ubukungu inaganisha ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu kuri buri wese. Kugira ngo rero u Rwanda rukomeze icyo ntambwe n'iryo terambere, ni ngombwa ko igikorwa cyo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe gishyirwa imbere y'ibindi byose mu nzego zose.

Indangagaciro z'umuco nyarwanda zifasha gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe

Twavugaga ko umuco ari urusobe rw'imyemerere, ibitekerezo, imigenzereze, imitekerereze n'imikorere abantu bahuriyeho bityo bikaba ari byo bibayobora mu myitwarire yabo muri sosiyete. Umuco abantu bawigiramo indangagaciro kandi ni na wo bashingiraho imigenzereze yabo kandi inyinshi muri izo ndangagaciro n'icyo migenzereze ni byo bishobora gushingirwaho mu kwimakaza uburenganzira bwa muntu no kugera ku iterambere.

Umuco ntabwo uhora ari umwe buri gihe kuko ugenda uhinduka bitewe n'uko sosiyete na yo igenda ihindura imigenzereze n'itege byayo. N'ubwo umuco nyarwanda uri kugenda uhinduka, hari indangagaciro nyinshi z'umuco w'abakurambere bacu zishobora kugira akamaro mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha ku buryo bunoze abarikorewe. Izo

⁵ Ubwinshi mu bushakashatsi bwakozwe bwerekanyeko hari isano hagati y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina na virusi itera SIDA. Nk'urugero wareba UNFPA and UNIFEM, Combating Gender-Based Violence: A Key to Achieving the MDGs, March 2005, p. 17; Pan American Health Organization, Fact Sheet: Gender-based violence and HIV/AIDS, 2005.

⁶ E.g., Andrew R. Morrison and M.B. Orlando, The costs and impacts of gender-based violence in developing countries: Methodological considerations and new evidence, World Bank, 2004, p. 4.

⁷ Reba Andrew R. Morrison and M.B. Orlando, The costs and impacts of gender-based violence in developing countries: Methodological considerations and new evidence, World Bank, 2004.

⁸ Byavuye mu gitabo cyavuzwe haruguru

ndangagaciro zigomba gushyigikirwa no gushimangirwa muri sosiyete nyarwanda y'iki gihe. Muri zo tukaba twavuga izukurikira⁹:

- Ubumwe n'ubwumvikane mu benegihugu- kumva ko abaturage ndetse n'umuntu ku giti cye bafite agaciro ndetse no kuba buri wese yumva ko afite inshingano yo kugira uruhare mu mibereho myiza y'abagize sosiyete bose;
- icyubahiro n'agaciro- kumva ko buri wese afite uburenganzira ku cyubahiro n'agaciro;
- Akamaro k'umuryango- kumva ko ari ngombwa kwita ku bwumvikane mu muryango no kubona ko ari ngombwa gukora ku buryo buri wese mu bagize umuryango ahabwa icyubahiro n'umutekano;
- Kwirinda urugomo – kumva ko ari ngombwa gukemura amakimbirane hatabayeho guhutaza abandi ni kimwe mu bintu by'ingenzi bigomba kuranga abantu mu buzima bwabo bwa buri muni kandi ibyo bikagerwaho harengerwa ubuzima n'icyubahiro by'abari mu matsinda y'abatishoboye;
- Kongerera abagore ubushobozi- guha abagore icyubahiro no kubongerera ubushobozi cyane ko ari bo nkingi y'urugo;
- Gutoza abana indangagaciro – kuba abana bose bagomba kwigishwa indangagaciro nyazo muri sosiyete.

1.3. Amavu n'amavuko y'ikibazo n'ibigitera

1.3.1 Uko ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze: Uko byifashe mu Rwanda

Mu Rwanda, ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina giterwa n'impamvu nyinshi zitandukanye. Zimwe muri izo mpamvu usanga zishingiye ku myemerere no ku migenzereze biri mu muco mu gihe mu zindi usanga harimo izifatiye ku ngaruka za jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994. Hari kandi n'izindi zifatiye ku iterambere mu by'ubukungu n'imibereho myiza u Rwanda rumaze kugeraho muri iki gihe. Imwe mu nzitizi zibangamira igikorwa cyo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina usanga zifatiye ku myumvire y'uko hari imirimo umuntu yemerewe kuba yakora bitewe n'uko ari umugabo, umugore, umuhungu cyangwa umukobwa. Na none kandi usanga ijamba “uburinganire” abantu baryumva uko ritari ugasanga akenshi barifata nk'aho rireba “abagore”.

Sosiyete ndetse n'imico abantu bakuriramo bigira uruhare mu guha isura imitekerereze yabo no mu buryo babona ibintu. Ni yo mpamvu usanga abantu bose baba abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bahura n'ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi bose akaba ari na ko bafite uruhare rukomeye mu guhindura imitekerereze y'abagize sosiyete no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Nyamara ariko usanga akenshi abagabo n'abahungu badashyirwa mu biganiri birebana n'ihohoterwa ahubwo bagafatwa nk'aho barwanya ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa aho kugira ngo bafatwe nk'abafatanyabikorwa mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Na none kandi kuba abantu badasobanukiwe neza “uburinganire” bituma batabona amakuru nyayo bityo bigatuma badasobanukirwa neza ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Usanga abantu badasobanukiwe neza ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane cyane ihohoterwa ryo mu ngo. N'ubwo gukoresha ku gahato imibonano mpuzabitsina uwo mwashyiranywe ari icyaha giteganijwe mu Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina usanga abantu benshi batarifata nk'icyaha. Abenshi mu bagabo no mu bagore babona ko imibonano mpuzabitsina ari uburenganzira bugomba kuba ubw'umugabo gusa mu rugo. Usanga ubundi bwoko bw'ihohoterwa ryo mu ngo nko gukubita no gukomeretsa ku mubiri uwo mwashakanye, kwima undi uburenganzira ku mutungo, kumutuka, kumutoteza ku mutima n'ibindi bifatwa nk'aho ari ikintu “kigomba kubaho” mu muryango.

Muri iki gihe hariho ibikorwa byinshi byo kwigisha abaturage bikorwa n'abafatanyabikorwa batandukanye ku rwego rw'igihugu, urw'uturere n'urw'inzego z'ibanze. Nyamara ariko ni ngombwa ko habaho guhuriza hamwe ibyo bikorwa bitandukanye biriho.

⁹ Uru rutonde twateguwe hifashishijwe ibiganiri mpaka kandi rishingiye ku byagarajwe n'ubushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2010, Reba UNITY Club, “Analysis of Rwandan Culture as an Engine to Sustainable Development in Rwanda”.

Ntitwakibagirwa ko ibikorwa byo kwigisha abaturage bisaba gukorwa igihe kirekire kugira ngo bigere ku ntego yo gufasha abaturage guhindura imyumvire. Ni yo mpamvu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu gihe cya hafi ari igikorwa gisaba kubanza kumenya abashobora gukorerwa iryo hohoterwa ndetse no kumenya inkunga bakeneye kugira ngo barindwe kuba bakorerwa iryo hohoterwa. N'ubwo buri wese mu bagize sosiyete ashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, hari abantu ubwabo ndetse n'amatsinda y'abantu usanga bashobora guhura n'ikibazo cyo kuba bakorerwa ihohoterwa kurenza abandi. Isesengura ryakozwe rigaragaza ko hari amatsinda y'abantu ndetse n'abantu ubwabo bashobora guhura n'icyo kibazo kurusha abandi. Muri bo twavugaga:

- abana badafite ababyeyi bo kubarera cyane cyane abana bibana bakuriye ingo cyangwa se abana b'imfubyi. Usanga bene aba bana bashobora gukorerwa ihohoterwa kurenza abandi bitewe n'imyaka yabo ndetse n'ubuzima babayemo;
- abana bavutse ku bagore bafashwe ku ngufu bakaba bagomba guhora bumva ko ba se bababyara bafashe ku ngufu ba nyina bababyara ibi bikaba bigaragara cyane ku bana bavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu gihe cya jenocide yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994;
- abantu babana n'ubumuga bakaba bashobora guhezwa muri sosiyete kandi bakaba bashobora gukoreshwa n'ababashakiramo inyungu ndetse bagahohoterwa kandi ugasanga rimwe na rimwe badashoboye kuba bahaguruka ngo bagaragaze ibyo bikorwa bibakorerwa cyangwa se hakabura umuntu ubatega amatwi ngo yumve icyo kibazo bafite.

Ikindi kibazo kigomba gushakirwa umuti ni ikirebana no gushyiraho uburyo rusange buhuriweho bwo kumenyekanisha ihohoterwa – cyane cyane irikorerwa mu mashuri, mu bigo no mu kazi.

Hari imiryango myinshi yaba iya Leta cyangwa iya sosiyete sivili itanga serivisi ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Mu byo iyo miryango ikora harimo kubaha serivisi n'ubufasha mu rwego rw'ubuvuzi, urw'ubujyanama n'urw'isanamitima, mu rwego rw'ubwunganizi mu mategeko, mu rwego rwo kubarengera no mu rwego rw'imibereho myiza n'ubukungu. Nyamara ariko hari ibintu byinshi bigaragamo imbogamizi ku birebana n'ubwiza bwa serivisi zitangwa n'uburyo izo serivisi zigera ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibiganiro byakozwe mu rwego rwo kungurana ibitekerezo byagaragaje ko habura amikoro ahagije akenewe mu rwego rwo guha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina serivisi bakeneye nyazo. Ibyo biganiro byagaragaje kandi ko usanga abatanga serivisi badafite ubumenyi bwihariye buhagije bukenewe. Na none kandi usanga bamwe mu bakorewe iryo hohoterwa badashobora kubona amafaranga yo kwishyura abagomba kubakorerwa ubwunganizi mu nkiko.

Na none kandi kuba abakorewe ihohoterwa batazi amategeko no kuba batazi ibiranga ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'uburenganzira bwabo bituma badatinyuka kugaragaza ihohoterwa bakorewe bitewe no kumva ko ibyakorewe atari ikintu cyo kuvugwa cyangwa no kumva ko ihohoterwa bakorewe ari "ikibazo kireba umuryango" cyangwa se kubera ingaruka babona zishobora guturuka ku gikorwa cyo gukurikiranwa mu nkiko ku wabakoreye ihohoterwa.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigaragaza kandi rigashimangira ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore ndetse rikanabangamira agaciro, umutekano n'ubwisanzure by'abarikorewe. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikubiyemo ibikorwa bitandukanye bibangamira uburenganzira bwa muntu. Muri ibyo bikorwa twavugaga gukoresha abana imibonano mpuzabitsina n'ibiganisha kuri yo, gufata ku ngufu, ihohoterwa ryo mu ngo, gukorera umuntu ibikorwa bimuganisha ku mibonano mpuzabitsina kandi we atabishaka no kumuhoza ku nkeke hagamijwe kumukoresha imibonano mpuzabitsina, gucuruza abagore n'abakobwa ndetse no kubakorerwa ibindi bikorwa bifatiye ku muco bibabangamira. Buri cyose muri ibyo bikorwa gishobora gukomeretsa umuntu mu ntekerezo, kikagira ingaruka ku bagore no ku bakobwa muri rusange mu kubangiriza ubuzima harimo no kubangiriza imyanya yabo myibarukiro ndetse rimwe na rimwe bikaba byabaviramo urupfu.

Ni yo mpamvu uko byagenda kose gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe ari igikorwa gisaba ubufatanye – mu kwigisha abaturage, kumenya abakorewe iryo hohoterwa, kubohereza aho babonera serivisi z'ubufasha, kubaha serivisi no kubafasha kubona ubutabera.

Na none kandi guhuza ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe bigomba kujyana no gukurikiranwa ibyo bikorwa no gusuzuma umusaruro ubivamo. Muri iki gihe, usanga uburyo bukoreshwa mu kugaragaza abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gukora igenamigambi ku birebana no gukumira no kurwanya iryo hohoterwa

budahurijwe hamwe cyangwa ngo bube bujyanye. Ibyo bigaragara guhera mu nzego zo hasi kugeza ku rwego rw'igihugu. Igihe cyose hatariho imibare inoze kandi yizewe ntihanabeho uburyo bwo guhanahana amakuru kuri iyo mibare, abafatanyabikorwa bireba ntibashobora kwigira ku byiza byakozwe ahandi cyangwa ku masomo y'ibyo babonye. Igihe nta mibare igaragazwa n'ubushakashatsi bw'ibanze ihari ndetse ntihabe n'ibipimo ngenderwaho bisobanutse neza ntibyashoboka kumenya intambwe imaze guterwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego zikubiye muri iyi Politiki. Ntibyanashoboka kandi kumenya ahakiri icyuho n'intege nke.

INTAMBWE IMAZE GUTERWA MU GUKUMIRA NO KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

Guverinoma y'u Rwanda yemera nta shiti ko abagabo n'abagore bafite uruhare mu iterambere ry'igihugu. Ni muri urwo rwego hashyizweho amategeko ashyingikira ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe kandi ayo mategeko ateganya ibindi bigomba gukorwa mu rwego rwo kurushaho gukumira no kurwanya iryo hohoterwa.

Irangashingiro ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu rishimangira ko abaturage b'u Rwanda bagomba kugira uburenganzira bw'ibanze buteganijwe mu Itangazo ry'Umuryango w'Abibumbye ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu ndetse no mu yandi masezerano yerekeye uburenganzira bwa muntu.

Ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ivuga ko "buri muntu wese afite uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe" kandi ikanavuga ko ntawe ushobora kwicwa urubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri, cyangwa ngo akorerwe ibikorwa by' ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro."

Na none kandi, ingingo ya 11 y'Itegeko Nshinga ivugako:

"Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira ubwisanzure, uburenganzira n'inshingano bingana.

Ivangu iryo ari ryo ryose rishingiye nko ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, rirabujijwe kandi rihanwa n'amategeko."

Ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ishimangira ihame ry'uko abenegihugu bose bangana bityo Guverinoma y'u Rwanda ikaba yariyemeje guha abenegihugu bose amahirwe angana no kubarengera ku buryo bumwe mu nzego zose za sosiyete.

Kuba kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari igikorwa gisaba inzego zose guhuriza hamwe imbaraga, byatumye hashyirwaho amategeko atandukanye harimo aya akurikira:

- Itegeko n°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina;
- Itegeko n°22/1999 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya Mbere cy'Urwunge rw'Amategeko Mbenezamubano kandi Rishyiraho Igice cya Gatanu Cyerekeye Imicungire y'Umutungo w'Abashyiranywe, Impano n'Izungura;
- Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo ku wa 14/07/ 2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda;
- Itegeko n°13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda;

- o Itegeko n°27/2001 ryo ku wa 28/04/2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa;

Na none kandi mu gihugu hashyizweho Politiki n'ingamba bigamije gushyigikira ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe. Muri byo twavugaga Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye. Imwe mu ntego zihariye z'iyi Politiki harimo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Hari kandi na Gahunda y'Igihugu y'Ibikorwa (2009-2012) yashyizweho mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Umwanzuro 1325 w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye Gashinzwe Amahoro ku Isi, Gahunda y'igihe kirekire yo gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye ishingiyeye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore (CEDAW).

Na none kandi hari ibindi bigaragaza ko Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje guteza imbere uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibyo bikaba bigaragazwa n'ishyirwaho ry'inzeho zikurikira zafatwa nka "moteri y'uburinganire":

- o Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango;
- o Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO);
- o Inama y'Igihugu y'Abagore.

Na none kandi hashyizweho itsinda ry'inzeho zishinzwe uburinganire hagamijwe guhuriza hamwe ibikorwa by'abafanyabikorwa batandukanye bagira uruhare mu guteza imbere uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Hashyizweho kandi amatsinda abiri ashinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina rimwe rikaba ryibanda ku birebana n'ubuzima (rikuriwe na MINISANTE) mu gihe irindi ryita ku bikorwa bihuriye hamwe byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (rikuriwe na MIGEPROF).

Ni no muri urwo rwego mu gihugu hashyizweho izindi nzeho. Muri zo twavugaga Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu n'Urwego rw'Umuvunyi. Izi nzeho zombi zigira uruhare mu guteza imbere uburinganire no guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ni ngombwa kandi kwibutsa ko abagize sosiyete sivili ndetse n'abikorera na bo bagira uruhare mu gukumira no guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Hanashyizweho uburyo butandukanye mu rwego rwo guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

Hashyizweho Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurengera abana mu nzeho zitandukanye z'imitegekere y'igihugu ku buryo izo komite zigira uruhare mu kwigisha abatwaga kumenya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurirwanya. Izo Komite kandi zifasha mu gikorwa cyo gukusanya amakuru no guhuriza hamwe serivisi zitandukanye zitangwa.

Kuba mu mashuri harashyizweho za "club" zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina zihuriweho n'abahungu n'abakobwa na byo bituma uruburako rugira ubushobozi bwo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu mashuri cyane cyane mu kurwanya igikorwa cyo guhoza umuntu ku nkeke ugamije kumukoresha imibonano mpuzabitsina n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina abanyeshuri bakorerwa n'abarimu babo ndetse na bagenzi babo b'abanyeshuri. Izo "club" zigamije gufasha kugira imyumvire ikwiye no guhindura imyitwarire.

Gahunda zashyirwaho abatwaga zigamije kongerera abagore bakennye n'imiryango ikennye ubushobozi mu by'ubukungu na zo zigira uruhare rukomeye mu kurinda abagore gukorera ihohoterwa rishingiye ku gitsina no mu gukumira iryo hohoterwa.

Ku birebana no gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, hari byinshi by'ingenzi byakozwe kugeza ubu. Hari intambwe igaragara yatewe mu gihugu ku birebana no kubona abakozi barangwa n'ubwitange no gushaka amikoro ya ngombwa hagamijwe guha serivisi abakorewe ihohoterwa no guhana abantu bese bakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe bifasha ku buryo bugaragara abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo bishobora no kwifashishwa nk'uburyo bunoze bwo kwita ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kubafasha ku buryo bwuzuye. Ibyo bigo bicumbikira ku buryo bwihutirwa kandi mu minsi mike abakorewe ihohoterwa baba bafite ubwoba bwo gusubira iwabo cyangwa se ababa bakeneye ubufasha budasanzwe cyangwa se gufata igihe kugira ngo bashobore kwakira ibyababayeho. Abenshi muri bo usanga badatinda gusubira mu miryango yabo cyangwa aho bari batuye

kandi ibyo bigo bigakomeza kubaha ubufasha butandukanye nk'ubw'isanamitima no kubahumuriza aho bari mu miryango yabo. Ubwo bufasha baba babukeneye cyane kandi ni na bwo butuma babona ubwunganizi mu by'amategeko mu rwego rwa serivisi zikubiye hamwe bahabwa.

Muri Polisi y'Igihugu no mu Ngabo z'Igihugu hashyizweho inzego zirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (Gender desks) zifite abakozi bahawe amahugurwa yihariye yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Izo nzego zihabwako abakorewe ihohoterwa serivisi bakeneye kandi ugasanga akenshi ari izo abantu babanza kwiyambaza iyo bageze kuri sitasiyo za Polisi. Na none kandi muri buri Karere hashyizweho Inzu y'ubufasha mu by'amategeko (MAJ). Umukozi umwe muri batatu bakora muri MAJ aba ashinzwe ku buryo bw'umwihariko kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Hashyizweho imirongo myinshi ya telefoni itishyurwa abantu bashobora gukoresha mu guhamagara muri Polisi y'Igihugu, mu Ngabo z'Igihugu no mu Bushinjacyaha igihe bakeneye ubufasha bwihutirwa, kumenyekanisha ibyaha byakozwe no gusobanura. Muri iki gihe hari ibikorwa byinshi biri gukorwa hagamijwe kongerera ubushobozi abakozi bo mu nzego z'umutekano, abashinzwe ubuvuzi, ubujyanama n'isanamitima mu nzego zirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, mu bigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe no muri MAJ. Hari kandi n'imiryango myinshi ya Leta n'ya sosiyete sivili iha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina ubwunganizi mu by'amategeko.

Inzego z'ubuvuzi zisanzwe ziriho ni zo zihabwako abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina ubufasha mu rwego rw'ubuvuzi, urw'ubujyanama n'urwisanamitima. Muri ubwo bufasha harimo kubapima virusi itera SIDA, kubaha ubujyanama, kubaha ibinini bituma badasama igihe bamaze gukoreshwa imibonano mpuzabitsina, kubaha urukingo twa tetanosi no kubohereza ku kigo nderabuzima no kuri polisi igihe bari gukorewa isuzuma kugira hakusanywe ibimenyetso bishobora kwifashishwa mu rukiko. N'ubwo abahohotewe mu gukoreshwa imibonano mpuzabitsina bavurwa ku buntu byarushaho kuba byiza abantu bese bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina baramutse bavuye ku buntu. Abatanga serivisi ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bahabwa amahugurwa ku buryo bwo kugira inama abakorewe ihohoterwa no kubitaho no ku buryo bwo gukorana n'abandi bafatanyabikorwa nka Polisi.

Intego Guverinoma y'u Rwanda yihaye ni ukutihanganira na rimwe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ni na yo mpamvu politiki y'Igihugu yo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe igira uruhare mu gushyigikira ibikorwa bigamije kugera ku ntego z'iterambere mu nzego zose.

Amategeko yashyizweho ku rwego mpuzamahanga

Hashyizweho kandi amasezerano mpuzamahanga ateganyaga ko abagabo n'abagore bagomba guhabwa amahirwe angana ku birebana n'uburenganzira n'ubwisanzure¹⁰. Muri ayo mategeko mpuzamahanga harimo Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, Amategeko mpuzamahanga agenga ibihe by'intambara ndetse n'Amategeko Mpuzamahanga ahana ibyaha ariho muri iki gihe ndetse n'Amasezerano arwanya iyica rubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa bibabaza umubiri, ibya kinyamaswa cyangwa bitesha umuntu agaciro.

Na none kandi muri iki gihe Guverinoma y'u Rwanda ishyira mu bikorwa ku buryo bugaragara amasezerano mpuzamahanga yavuzwe haruguru ndetse n'andi masezerano mpuzamahanga yashyizeho umukono. Muri ayo masezerano harimo amasezerano akurikira:

- Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage;
- Umugereka w'Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage ku birebana n'Uburenganzira bw'Abagore muri Afurika

¹⁰ The Usefulness of Human Rights framework in addressing Gender-based Violence, Patience Gulu, PeaceWomen.org 2010.

- Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana;
- Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira n'Imibereho Myiza by'Umwana;
- Amasezerano y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku mirimo n° 182 yerekeye imirimo mibi ikorehwa abana;
- Umugereka wubahirizwa ku bushake w'Amasezerano yerekeye Uburenganzira bw'Umwana ku birebana no gucuruza abana, kubakoresha uburaya no kubakoresha nk'imfashamatsiko ku byerekanwa ku bitsina;

Ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyarushijeho kwitabwaho ku buryo cyinjijwe muri gahunda z'uburenganzira bwa muntu z'ibihugu byashyize umukono kuri ayo masezerano, iz'imiryango iharanira uburenganzira bwa muntu n'iz'abantu ku giti cyabo.¹¹

1.4. Uburyo bwakoreshejwe mu gutegura iyi Politiki

Iyi Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina yateguwe hifashishijwe abantu benshi b'ingeri zitandukanye ikaba yarateguwe n'Itsinda rikuriwe na MIGEPROF. Iryo tsinda rikaba ryari rigizwe na MINICAAF, MINECOFIN, MINISANTE, MINIJUST, MINALOC, Polisi y'Igihugu, Ingabo z'u Rwanda, Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya SIDA, Inama y'Igihugu y'Abagore, Urwego rushinzwe kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburunganyire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu ndetse n'itsinda ry'impuguke.

Iryo tsinda ryagiranye ibiganiro birambuye n'abafatanyabikorwa haba ku rwego rw'igihugu no ku rwego rw'Uturere bakorera Guverinoma y'u Rwanda, abagize sosiyete sivili, abakozi ndetse n'abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Iyi Politiki yaganiriweho mu rwego rw'ibiganiro mpaka birambuye byabaye mu Kwakira-Ugushyirahamwe 2010 no muri Mutarama-Gashyantare 2011. Ibyo biganirwa byahuye abafatanyabikorwa bireba ku buryo bashoboye gukora ibiganiro by'ibanze banashobora kwemeza iyi Politiki ku buryo bw'agateganyo.

Hakozwe kandi inama nyunguranabitekerezo yahuye Guverinoma y'u Rwanda, abagize sosiyete sivili ndetse n'abaterankunga mu rwego rw'iterambere. Iyi nama yari igamije gukora ku buryo abantu benshi batandukanye bumvikana ku nyandiko ikubiyemo iyi Politiki mbere yo gushyikiriza Inama y'Abaminisitiri inyandiko isobanura Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina ndetse na Gahunda igamije kuyishyira mu bikorwa kugira ngo ibyemeze.

2. INGAMBA RUSANGE ZIRIHO

Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina yateguwe mu rwego rw'izindi gahunda z'iterambere u Rwanda rwiyemeje kugenderaho. Muri zo twavugaga Intego z'Iterambere z'Ikinyagihumbi (MDG), icyerekezo 2020, Gahunda yaguye y'Imbaturabukungu no Kugabanya Ubukene (EDPRS), Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 (2010-2017) igenderwaho muri iki gihe, Politiki y'Igihugu y'Uburunganyire n'Ubwuzuzanye na Politiki y'Igihugu yo Kwegereza Abaturage Ubuyobozi n'Ubushobozi. Na none kandi Politiki y'Igihugu Yerekeye Abaturage ndetse n'Ingamba y'Igihugu yerekeye Ubuzima bw'Imyorozerokere n'Uburenganzira na byo bifite aho bihuriye n'iyi politiki.

2.1. Intego z'iterambere z'Ikinyagihumbi

Politiki yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina iza yunganira ku buryo butaziguye Intego ya 3 y'Iterambere y'Ikinyagihumbi ijyanye no guteza imbere uburunganyire n'ubwuzuzanye no kongerera abagore ubushobozi cyane ko intego yo guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina ifitanye isano igaragara n'uburunganyire n'iterambere rirambye. Na none kandi ifasha ku buryo bugaragara kugera ku zindi Ntego z'Iterambere z'Ikinyagihumbi. Muri zo twavugaga Intego ijyanye no

¹¹ Byavuye mu gitabo cyavuzwe haruguru

guca burundu ubukene bukabije n'inzara (Intego ya mbere y'Iterambere y'Ikinyagihumbi), intego inyanye n'Uburezi kuri Bose (Intego ya 2 y'Iterambere y'Ikinyagihumbi), ijyanye no kubungabunga ubuzima bw'ababyeyi (Intego ya 5 y'Iterambere y'Ikinyagihumbi) n'ijyanye no kurwanya virusi itera SIDA (Intego ya 6 y'Iterambere y'Ikinyagihumbi)

2.2. icyerekezo 2020

Icyerekezo 2020 gikubiyemo intego u Rwanda rwihaye mu rwego rw'iterambere kandi muri izo ntego hakaba harimo gufasha abaturage kugera ku iterambere cyane ko icyerekezo 2020 kigaragaza ko iterambere ry'abaturage ari wo musingi w'iterambere nyaryo. Ni yo mpamvu iyi ntego yo guteza imbere abaturage ari na yo igamijwe muri gahunda rusange ihurijwe hamwe igenderwaho muri iyo Politiki ku birebana n'ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe. Ifasha mu guha abaturage uburyo bwo kurushaho kwishyira bakizana mu kugera ku mibereho myiza no mu guteza imbere amahame ya demokarasi ari yo imiyoborere myiza no kugera ku iterambere mu mibereho myiza n'ubukungu buri wese agizemo uruhare rufatika.

2.3. Gahunda yaguye y'Imbaturabukungu no Kugabanya Ubukene (EDPRS)

Iyi Politiki yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina ni bumwe mu buryo bwifashishwa kugira ngo hashyirwe mu bikorwa intego ya Gahunda yaguye y'Imbaturabukungu no Kurwanya Ubukene igamije guha abantu bese ijamba ku buryo bungana, kubafasha kugira uruhare muri serivisi zitangirwa mu nzego zose z'ubukungu no kubona izo serivisi ku buryo bungana. Iyi Politiki ishobora no kwifashishwa kugira ngo hashyirwe mu bikorwa intego yo kurwanya icyahungabanya imibereho myiza y'abaturage no guharanira ubutabera kuri bese harimo no kwemeza no kubahiriza amategeko ateza imbere uburinganire. Na none kandi usanga ihohoterwa rishingiye ku gitsina ritwara umutungo w'igihugu (cyane ko uba ugomba gukoreshwa mu rwego rw'uburezi, rw'ubuzima n'urw'ubutabera) kuko igihugu kiba kigomba gutanga amafaranga mu kuvura abarikorewe, kubaha ubutabera no kubaha izindi serivisi baba bakeneye kandi ayo mafaranga yakagombye gukoreshwa mu iterambere ry'ubukungu iryo hohoterwa rishingiye ku gitsina riramutse riciwe burundu.

2.4. Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 (2010-2017) igenderwaho muri iki gihe

Igika cya 47 n'icya 48 bya porogaramu n° 7 ya Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7 igenderwaho muri iki gihe biteganyijwe ko kuri buri kigo nderabuzima hazashyirwaho ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe (One-Stop Centers) ndetse na Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ziri ku nzego zose zikongererwa ubushobozi kugira ngo zifashe guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda.

2.5. Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye

Iyi Politiki y'Igihugu iza yunganira ishyingirwa mu bikorwa ry'intego nyamukuru yo kwinjiza uburinganire n'ubwuzuzanye mu nzego zose z'iterambere dusanga muri Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye hagamijwe kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda. Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina iza yongera "umubare w'intego" zikubiye muri Politiki y'Igihugu y'Uburinganire n'Ubwuzuzanye aho igaragaza ko uburenganzira bwa muntu n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari bimwe mu bintu by'ingenzi bigomba kwitabwaho.

2.6. Politiki y'Igihugu yo Kwegereza Abaturage Ubuyobozi n'Ubushobozi

Politiki y'Igihugu yo Kwegereza Abaturage Ubuyobozi n'Ubushobozi ishimangira intego Guverinoma y'u Rwanda yihaye mu rwego rwo kongerera abaturage ubushobozi kugira ngo bagire uruhare mu kwitegurira ejo habo hazaza. Kuba inzego

z'imategekere y'igihugu zaregerejwe abaturage kugeza ku rwego rw'Umudugudu bituma ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyitabwaho ku buryo bunoze.

2.7 Politiki y'Igihugu Yerekeye Abaturage

Zimwe mu ntego iyi Politiki igamije ku buryo bugaragara harimo guhindura amahame n'imyumvire (ku bagabo no ku bagore) ku birebana n'uruhare umugore agomba kugira mu ifatwa ry'ibyemezo bireba urugo, mu gukoresha uburyo bwo kuringaniza imbyaro no mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa ryo mu ngo.

2.8 Ingamba y'Igihugu yerekeye Ubuzima bw'Imyororokere

Imwe mu ntego ziza ku isonga mu rwego rw'Ingamba y'Igihugu yerekeye Ubuzima bw'Imyororokere ni ugukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe.

3. ICYEREKEZO N'INTEGO BIKUBIYE MURI POLITIKI Y'IGIHUGU YO KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

3.1. icyerekezo cya Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina

Icyerekezo rusange gikubiye muri iyi Politiki ni ukubaka sosiyete nyarwanda y'ejo hazaza itarangwamo ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gukora ku buryo sosiyete nyarwanda ishobora gukumira iryo hohoterwa no gufasha abarikorewe mu gihe hategerejwe ko iryo hohoterwa ricibwa burundu.

3.2. Intego shingiro igamijwe muri Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina

Intego shingiro y'ibanze igamijwe muri Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa ni ukugira uruhare mu iterambere ry'ubukungu n'iry'imibereho myiza y'abaturage no kwimakaza uburenganzira bwa muntu mu Rwanda hifashishijwe ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abakorewe iryo hohoterwa.

Ibi bizatuma abaturage barushaho kugira ubushobozi bwo kugira uruhare mu bikorwa byose bigamije guca burundu ubukene n'ibyo guteza imbere imibereho myiza badafite ubwoba cyangwa impungenge byo kuba bakorerwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

3.3. Intego

Intego rusange

Intego rusange igihugu cyihaye mu rwego rw'iyi Politiki ni ukurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku buryo rizagera aho rigacika burundu kandi iyo ntego ikagerwaho hifashishijwe gushyiraho ingamba zo kurikumira, kurinda abashobora kurikorera, gufasha abarikorewe no guhindura imyumvire y'abaturage.

Intego zihariye

Intego zihariye zikubiye muri iyi Politiki ziri mu byiciro bitatu by'ingenzi: a) Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, b) Gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, c) Guhuza ibikorwa no kubikurikirana ndetse no Gushyiraho uburyo bugaragaza uko iryo hohoterwa rihagaze.

- a) Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina
 - Kwibanda ku bikorwa bigamije gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku buryo habaho kutihanganira na rimwe abakora iryo hohoterwa;
 - Kwita ku matsinda atandukanye ashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi agafashwa mu gukemura ibibazo bituma akorerwa iryo hohoterwa.
- b) Gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina
 - Guha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina serivisi zihurijwe hamwe;
 - Kurushaho gukurikirana abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina no guca burundu umuco wo kutabahana.
- c) Guhuza ibikorwa no kubukurikirana ndetse no Gushyiraho uburyo bugaragaza uko iryo hohoterwa rihagaze
 - Gushyiraho uburyo bwo guhuza ibikorwa no kubukurikirana no kurushaho gutanga amakuru ahagije yerekana uko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze.

3.4. Amahame akubiye muri iyi Politiki n’itego zashyizwe imbere

Politiki y’Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina

Guverinoma y’u Rwanda ntishobora kwihanganira na rimwe ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina;

Guverinoma y’u Rwanda yemera ko gukora ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari uguhohotera uburenganzira bwa muntu;

Guverinoma y’u Rwanda yemera ko ibikorwa byo guteza imbere uburinganire, ubwuzuzanyeye ndetse n’ibyo kongerera abagore ubushobozi ari bwo buryo bw’ingenzi bwo kugera ku iterambere ry’imibereho myiza y’abaturage n’iry’ubukungu bityo ikaba yariyemeje guteza imbere ibyo bikorwa;

Guverinoma y’u Rwanda yiyemeje gukoresha imbaragara zayo zose mu kurwanya no gukumira ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina muri sosiyete no gufasha abarikorewe;

Ibikorwa byo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe bigomba kugaragara mu nzego zose zaba iz’imibereho myiza y’abaturage, iz’ubukungu n’iza politiki.

Amategeko na politiki bigamije kwimakaza uburenganzira bwa muntu n’iterambere

Mu rwego rw’amategeko, hashyizweho amategeko agenga imyitwarire igomba kuranga abantu muri sosiyete. Hashyizweho itegeko rigena amabwiriza n’imironko ngenderwaho bigomba kubahirizwa bityo hakaba hari imyitwarire iyi n’iyi abantu basabwa kubahiriza cyangwa babuzwa.

Hari Politiki zashyizweho zikubiyemo itego Guverinoma yihaye ndetse n’ingamba yiyemeje gushyira imbere kandi izo Politiki zikaba zerekana uko izo ntego zigomba kugerwaho.

Ni yo mpamvu amategeko na politiki byashyizweho bigomba kuzuzanya hagamijwe kugera ku ntego z’iterambere, kwimakaza uburenganzira bwa muntu no guteza imbere sosiyete izira akarengane kandi iha abayigize bose amahirwe angana.

Gushakira umuti ibibazo bifatiye ku muco

Muri sosiyete nyarwanda hagaragaramo ihohoterwa rishingiye ku gitsina riterwa no gusobanura indangagaciro z’umuco uko zitari, kudasobanukirwa neza izo ndangagaciro no kuzikoresha uko zitagombye gukoreshwa. Abafatanyabikorwa bose bagomba guhuriza imbaraga zabo hamwe kugira ngo bagire uruhare mu guhindura imyumvire idahwitse abantu bafite ibangamira uburinganire, umuco n’uburenganzira bwa muntu kugira ngo hacibwe burundu ibyo abantu bumva ko badashobora kuvuga ku birebana n’ihohoterwa rishingiye ku gitsina tutibagiwe no guca burundu umuco wo guceceka iryo hohoterwa. Na none kandi ni ngombwa gushyigikira indangagaciro z’umuco zigira uruhare mu kwimakaza umuco wo kudahutaza abandi, kububaha no kwifatanya n’abakorewe ihohoterwa kugira ngo tugire sosiyete itihanganira na rimwe ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Uruhare rw'abagabo n'abahungu

Imibare igaragaza ko hirya no hino ku isi abagore n'abakorwa ari bo benshi bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibi akaba ari na ko bimeze mu Rwanda. Nyamara ariko, ntitwakirengagiza ko mu bakorerwa ihohoterwa hashobora kubamo abagabo, abagore ndetse n'abana kandi mu babakorera iryo hohoterwa hakaba na none harimo abagabo n'abagore. Na none kandi abo bose bagerwaho n'ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina zigaragara muri sosiyete no mu gihugu. Ni yo mpamvu n'ubwo usanga akenshi abantu bakunda kwibeshya bavuga ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari "ikibazo kireba abagore" ntabwo intego yo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe ku buryo burambye ishobora kugerwaho abagabo n'abahungu batabigizemo uruhare.

Ni yo mpamvu mu ngamba zo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe hagomba kwinjizwamo uburyo bwo gufasha abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa kuganira bakajya impaka hagamijwe guhindura uburyo buriho bwaba ubufatiye ku muco, ubw'imibanire, ubw'imicungire y'umutungo ndetse n'ubundi busanzwe bukoreshwa butuma abantu bamwe bavutswa uburenganzira bwabo bukanatera ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore. Ni ngombwa gushyigikira ingamba ziriho zigamije gushishikariza abagabo n'abahungu kugira uruhare mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi izo ngamba zikaba zigomba kwitabwaho mu rwego rw'ibikorwa bigamije gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe.

Uruhare rw'abaturage n'inshingano ya buri wese

Abaturage bafite imbaraga ni umuco uhamye kandi mwiza mu gihugu. Umuco wo gufasha abakorewe ihohoterwa no kwita ku batishoboye kurusha abandi muri sosiyete dusanga mu Banyarwanda aho bava bakagera ugomba gushyigikirwa kugira ngo intego yo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe igerweho ku buryo bunoze.

Abaturage n'abayobozi babo bafite uruhare rukomeye mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe. Na none kandi buri wese agomba kumenya ko afite inshingano yo kudaceceka ihohoterwa ryakozwe, gufasha abakorewe ihohoterwa no kwereka abakora ihohoterwa ko abaturage batazagera bihanganira na rimwe ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

4. INGAMBA ZIGAMIJE GUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA NO GUFASHA ABARIKOREWE

4.1. Intangiriro

Abayobozi bo ku rwego rw'igihugu bafite ubushake bwa politiki bwo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kuko ribangamira uburenganzira bwa muntu ndetse n'iterambere ry'ubukungu. Nyamara ariko ntibyoroshye gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe kubera ko rigaragarira mu nzego nyinshi kandi ugasanga imizi yaryo iri mu muco no mu migenzereze y'abagize sosiyete.

Ingamba zo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe zigomba kwibanda ku gukemura inzitizi izi n'izi zigaragara zibangamira buri ntego kandi zikagaragaza uburyo bufatika bwo gukemura izo nzitizi. Usanga akenshi gukemura izo nzitizi ku buryo bunoze bisaba guhuriza hamwe uburyo bwo kuzicyemura. Na none kandi uburyo butandukanye bukoreshwa mu gushakira umuti izo nzitizi buzafasha gukemura inzitizi nyinshi zitandukanye.

Amakuru arambuye agaragaza ibikorwa bizakorwa muri buri rwego rw'ibikorwa akubiye muri Gahunda y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina.

4.2. Ingamba

URWEGO RW'IBIKORWA 1: INGAMBA ZO GUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA	
Urwego rw'igikorwa 1a: Gushyigikira ibikorwa byibanda ku gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina hagakorwa ku buryo iryo hohoterwa ritihanganirwa na rimwe	
INZITIZI	IBIKORWA BIGAMIJE GUKEMURA INZITIZI
Kuba abantu badasobanukiwe neza ijambo “uburinganire” no kuba hari imyumvire usanga mu bantu aho bumva ko umugabo cyangwa umugore yemerewe gukora imirimo iyi n'iyi ndetse no kuba hari imyumvire idahwitse mu bagize sosiyete bituma ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihabwa intebe.	<ul style="list-style-type: none"> • Guteza imbere uburinganire no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu bigo by'amashuri • Kongerera ingufu ibikorwa by'ubukangurambaga no gufasha abantu gusobanukirwa uburinganire no kugira imyumvire ikwiye muri sosiyete • Gufasha abagabo n'abahungu kugira uruhare rufatika mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina • Gukora ubukangurambaga mu babyeyi no mu bemeye kurera abana mu buryo bwemewe n'amategeko ariko atari bo babyeyi babo no kubafasha kugira uruhare rufatika mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu miryango • Kwigisha abaturage cyane cyane urubiruko ku birebana n'ubuzima bw'imyorokere hibandwa ku kubaganiriza ku birebana n'ubuzima bujyanye n'imibonano mpuzabitsina ndetse no ku mihindagurikire yo mu mubiri wabo
Kuba abantu batazi kandi ngo banasobanukirwe ku buryo buhagije ihohoterwa rishingiye ku gitsina – kutamenya ndetse no kudasobanukirwa itegeko, uburenganzira bemerwa n'amategeko ndetse n'inshingano buri wese afite	<ul style="list-style-type: none"> • Gukangurira inzego za Leta n'ibitangazamakuru gufasha abantu gusobanukirwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina • Gufasha abantu, abatanga serivisi ndetse n'abandi bafatanyabikorwa gusobanukirwa itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina (n'andi mategeko ashobora kuba afitanye isano n'aryo) ndetse n'iyi Politiki • Kwinjiza abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina muri gahunda y'igihe kirekire yo gukumira iryo hohoterwa • Gushishikariza ibigo bya Leta, imiryango ya sosiyete sivili ndetse n'urwego rw'abikorera gufata Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa bakayigira iyabo no gufasha mu gikorwa cyo kumenyekanisha itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ndetse n'andi mategeko agamije guteza imbere uburinganire • Gufasha ibitangazamakuru kurushaho gusobanurira ababisoma ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku buryo buri Munyarwanda asobanukirwa uko iryo hohoterwa rihagaze • Gushyiraho ingamba zo gukangurira abantu inshingano bafite mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina
Kuba hatariho uburyo buhagije bwo guhuriza hamwe gahunda zo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kuba hatariho uburyo bunoze bwo gutanga ubutumwa no gushyira mu bikorwa gahunda zitandukanye	<ul style="list-style-type: none"> • Kurushaho kunoza imihurize y'ibikorwa n'imitangire y'ubutumwa ku bijyanye n'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina • Kongerera ubushobozi abafite aho bahurira n'abakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kubwongerera abafite ibibazo bishobora gutuma bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi

	<ul style="list-style-type: none"> • Gushyigikira gahunda zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina zigenewe abaturage • Gukora ku buryo ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryinjizwa muri politiki z'igihugu, mu mategeko no muri gahunda z'ibikorwa by'igihe kirekire
Urwego rw'ibikorwa 1b: Gukemura bimwe mu bibazo amatsinda ahura na byo bigatuma ayo matsinda akorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi	
INZITIZI	IBIKORWA BIGAMIJE GUKEMURA INZITIZI
Kuba hari abantu ku giti cyabo ndetse n'amatsinda muri sosiyete bashobora guhura n'ikibazo cyo gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku buryo bwihariye kandi bakaba bakeneye kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko, bakaba kandi banakeneye serivisi na gahunda zibafasha gukemura bimwe mu bibazo bituma bakorerwa ihohoterwa	<ul style="list-style-type: none"> • Gushyiraho ku rwego rw'igihugu, urw'Akarere n'urw'inzego z'ibanze uburyo bufasha kumenya amatsinda n'abantu ku giti cyabo bashobora kuba bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi • Guteza imbere ubufatanye hagati y'abafatanyabikorwa bashobora gufasha kumenya ayo matsinda y'abantu bashobora kuba bakorerwa ihohoterwa • Gutegura gahunda zigamije kongerera ubushobozi amatsinda y'abatishoboye kugira ngo bashobore kuba bakwirinda ubwabo icyatuma bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina • Kongerera ingufu gahunda zigamije kongerera ubushobozi mu by'ubukungu amatsinda y'abatishoboye
URWEGO RW'IGIKORWA 2 : INGAMBA ZIGAMIJE GUFASHA ABAKOREWE IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA	
Urwego rw'igikorwa 2a: Guha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina serivisi zihurijwe hamwe	
INZITIZI	IBIKORWA BIGAMIJE GUKEMURA INZITIZI
Kuba hari bamwe mu bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina batabona serivisi bakeneye	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza serivisi zihurijwe hamwe z'ibanze zikenewe mu gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina; • Guha buri bitaro by'akarere imboni ishinze gukurikirana ihohoterwa rishingiye ku gitsina • Kwifashisha serivisi zisanze ziriho kugira ngo hategurwe serivisi nshya zibanda ku bakorewe ihohoterwa no kwita ku byo bakeneye ku buryo bwihariye harimo no gukwirakwiza hirya no hino mu gihugu ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe (one-stop centres) • Kongera umubare w'abahabwa serivisi zitangwa mu gihe gito n'izitangwa mu gihe kirekire hibandwa kuri gahunda zigenewe amatsinda y'abatishoboye • Gukora ku buryo serivisi z'ubufasha zitangirwa mu baturage zigererwa amafaranga ahagije
Kuba uburyo bwo kohereza abakorewe ihohoterwa aho bagomba kugana kugira ngo bafashwe budasobanuye neza cyangwa butazwi n'abaturage no kuba hagaragara intege nke mu guhuriza hamwe ibikorwa by'abatanga serivisi	<ul style="list-style-type: none"> • Kunoza uburyo bwo kohereza abakorewe ihohoterwa aho bagomba kugana kugira ngo bafashwe no guhuriza hamwe inzego zitandukanye hagamijwe ibikorwa no kohereza abakorewe ihohoterwa aho bagomba kugana kugira ngo bafashwe no kugaragaza ihohoterwa ryabaye

<p>Kuba buri wese atabona ku buryo bworoshye serivisi ziriho bitewe n'uko ziba zihenze cyangwa bigaterwa n'uko umuntu aba agomba gukora urugendo rurerure kugira ngo azigereho kandi ugasanga n'ibikorwa by'ubukangurambaga ari bike</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora ku buryo abakorewe ihohoterwa babona serivisi bakeneye ku buntu • Gukora ku buryo abakorewe ihohoterwa bose babona serivisi z'ibanze zihurijwe hamwe zo kubafasha kandi hafi
<p>Kuba bamwe mu batanga serivisi badafite ubumenyi bwihariye bukenewe mu kwita ku bakorewe ihohoterwa batishoboye harimo n'abana bakorewe ihohoterwa</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora ubukangurambaga mu baturage no kubahugura kugira ngo bagire uruhare mu bikorwa byo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina • Kongera ubushobozi bw'abakozi bakira abakorewe ihohoterwa kugira ngo bashobore kwita kuri buri wese wakorewe ihohoterwa bakurikije ibyo akeneye ku buryo bwihariye
<p>Kuba hari umubare muto w'abagabo n'abahungu bakorerwa ihohoterwa bituma akenshi badafatwa ko bakorewe ihohoterwa bityo bakaba batabona ubufasha uko bikwiye igihe bakorewe iryo hohoterwa</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gukora ku buryo serivisi zitangwa ziba zijyanye n'ibyo uwo ari we wese akeneye ku giti cye ku buryo bw'umwihariko hakibandwa kuri gahunda zihariye zigenewe abagabo n'abahungu bashobora gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina
<p>Urwego rw'igikorwa 2b: Kurushaho gukurikirana abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina no guca burundu umuco wo kutabahana</p>	
<p>INZITIZI</p>	<p>IBIKORWA BIGAMIJE GUKEMURA INZITIZI</p>
<p>Kuba abantu batazi itegeko, kuba bagira ubwoba cyangwa bakumva atari byiza gutinyuka kugaragaza ihohoterwa bakorewe ndetse bakagira n'ubwoba bw'ingaruka gukurikirana abarikoze mu nkiko byagira ku muryango bityo bagahitamo guceceka iryo hohoterwa</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kumenyekanisha itegeko ryo gukumira no guhana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ndetse n'andi mategeko tutibagiwe n'uburyo bukurikizwa mu kwiambaza inkiko; • Kurushaho kunoza uburyo bwo kumenya no kugaragaza abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina nta kubangamira umutekano w'uwakorewe ihohoterwa no kubikora mu ibanga bitabayeho ngombwa ko bibangamira abakorewe iryo hohoterwa; • Gukora ku buryo abashinzwe umutekano bakomeza guhabwa amahugurwa yerekeranye no kwita ku bakorewe ihohoterwa harimo n'ababa bagomba kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko; • Gukora ku buryo abakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina bahabwa ibihano bikwiye kugira ngo n'abandi barebereho bityo birinde ihohoterwa no gukora ku buryo ibyo bihano bimenywa n'abantu benshi; • Guha abaturage ubufasha kugira ngo barushaho gusobanukirwa uburinganire n'amahame y'imyumvire n'imyitwarire ikwiye muri sosiyete; • Gushyiraho ubundi buryo bwo gutanga ibihano butuma abakoze ihohoterwa bariryoza ariko na none ibyo bigakorwa hitabwa ku nyungu n'imibereho/amikoro by'abakorewe ihohoterwa; • Gushimangira uburyo butabera/ubwunzi bukoze n'abaturage

	<p>bugamije gukemura ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.</p>
<p>Kuba igihe urukiko rwamara ruca urubanza gishobora kuba kirekire bityo abakorewe ihohoterwa ntibajye bamenyeshwa aho idosiye igeze</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kongerera ubushobozi inzego z'ubutabera n'inkiko kugira ngo zishobore guca imanza nta kubogama, ku buryo bwihuse kandi bunoze; • Gukora ku buryo haboneka umubare uhagije w'abacamanza n'abunganizi mu nkiko bahuguwe ku buryo buhagije ku birebana no gukurikirana ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina; • Kureba uburyo inkiko zaca imanza zerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu buryo bwihariye; • Guharanira • • • ko imanza zaciwe zicibwa mu mucyo kandi ibyavuye muri izo manza bikamenyekana ariko hakirindwa kubangamira ubuzima bwite bw'abakorewe ihohoterwa;
<p>Kuba uburyo buriho muri iki gihe bwo gukurikirana abakoze ihohoterwa butabonera umuti impamvu ntandaro z'iryo hohoterwa cyangwa se ngo bube bwafasha gukumira isubiracyaha ku bakora ihohoterwa</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gushyiraho uburyo bw'umwimerere bwo kuryoza abakoze ihohoterwa ibikorwa byabo; • Gufasha abashakanye n'abafungiyeye ibikorwa by'ihohoterwa no gufasha imiryango yabo • Gushyiraho uburyo bwo kwigisha abakoze ihohoterwa kugira ngo batazongera kurikora
<p>Kuba mu miryango myinshi ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bindi bitari</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gushyiraho uburyo bwihariye bw'ubutabera bukorwa n'abaturage bugamije gukurikirana gusa abakoze ihohoterwa rishingiye ku

<p>ibyongusambanya ku gahato cyangwa gufata ku ngufu bikemurwa n'ubuyobozi bw'inzezo z'ibanze ku buryo bw'ubwumvikane, ibyongatuma ihohoterwa rishingiye ku gitsina ridahabwa uburemere nyabwo kandi bikanatuma hadashyirwaho uburyo bunoze bwo kurengera abakorewe iryo hohoterwa.</p>	<p>gitsina;</p> <ul style="list-style-type: none"> Gukora ku buryo uburyo bwihariye bw'ubutabera bukorwa n'abaturage bwiambazwa gusa ku nyungu z'uwakorewe ihohoterwa.
---	---

URWEGO RW'IGIKORWA 3: GUSHYIRAHU UBURYO BWO GUHUZA IBIKORWA NO KUBIKURIKIRANA NO KURUSHAHU GUTANGA AMAKURU AHAGIJE YEREKANA UKO IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIHAGAZE

Urwego rw'ibikorwa 3a: Gushyiraho uburyo bwo guhuza ibikorwa no kubikurikirana

INZITIZI	IBIKORWA BIGAMIJE GUKEMURA INZITIZI
<p>Kuba uburyo bwo guhuza ibikorwa bihuriweho n'inzezo zitandukanye butanoze bityo hakaba hagaragara intege nke n'icyuho mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe.</p>	<ul style="list-style-type: none"> Kurushaho kunoza uburyo bwo guhuriza hamwe ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina.
<p>Kuba uburyo butandukanye bukoreshwa mu kugaragaza ihohoterwa butanoze ku buryo buhagije ibyo bikaba bituma hadakurikiranwa neza imibare yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina bityo no guhanahana amakuru hagati y'abafatanyabikorwa bikaba bidakorwa ku buryo buhagije</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gushyiraho uburyo buhamye kandi buhuriweho bufasha gukurikirana imibare yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina

Urwego rw'igikorwa 3b: Kurushaho gutanga amakuru ahagije yerekana uko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze

INZITIZI	IBIKORWA BIGAMIJE GUKEMURA INZITIZI
<p>Kuba imibare n'amakuru shingiro (baseline) ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bituzuye bityo bikaba bigoye cyane kumenya igipimo cy'intambwe imaze guterwa ndetse n'ibyaho biriho mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe.</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gushyiraho ibigo bigamije gukusanya imibare n'amakuru/gukora ubushakashatsi biyobowe n'Urwego rushinzwe kuzamura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu Gusobanura ibipimo no gukora ubushakashatsi ngarukagihe hagamijwe kugaragaza amakuru n'imibare shingiro ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

5. URUHARE RW'INZEGO ZITANDUKANYE MU GUSHYIRA MU BIKORWA POLITIKI Y'IGIHUGU YO KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

5.1. Intangiriro

Kugira ngo iyi Politiki ishobore gushyirwa mu bikorwa uko yakabaye, Guverinoma y'u Rwanda irasabwa:

- o korohereza ibigo bya Leta n'izindi nzego no kubyongerera ubushobozi kugira ngo bishobore gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe;
- o gukora ku buryo Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ryigishwa Abanyarwanda ku buryo buhagije no gukora ku buryo barisobanukirwa neza bakanaryubahiriza;
- o gukora ku buryo hashyirwaho uburyo bwo guhuriza hamwe ibikorwa, kubikurikirana no kubisuzuma kandi ubwo buryo bukaba bukora neza.

Abafatanyabikorwa bo mu nzego zitandukanye (Guverinoma, imiryango ya sosiyete sivili, imiryango mpuzamahanga n'abaterankunga mu iterambere) bagomba guhurizwa hamwe kugira ngo bagire uruhare mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe kuko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ridashobora gucibwa burundu igihe izo nzego zidashoboye gukorera hamwe.

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Politiki rigomba gushyirwa mu bintu bya mbere byihutirwa haba ku rwego rw'umuryango n'urw'abaturage kugeza ku nzego zo hejuru za Guverinoma.

5.2. Uburyo bwo guhuriza hamwe ibikorwa ku rwego rw'igihugu

Biyobowe na Minisiteri y'Uburunganire n'Iterambere ry'Umuryango ubwo buryo bwo guhuriza hamwe ibikorwa bukorera ku rwego rw'igihugu no ku nzego z'ibanze kandi bwihatira gukorana n'abayobozi ba politiki, inzobere mu bya tekini kandi ibikorwa bikaba bigera no hasi mu nzego z'abaturage.

Urwego rw'igihugu rushinzwe gukurikirana ibya politiki

Komite Nyobozi ku rwego rw'igihugu ikuriwe na MIGEPROF na MINISANTE ikaba igizwe na MINECOFIN, MINALOC, MINICYOUTH, GMO, NWC, MINIJUST, RNP, NPPA, Komisiyi y'Igihugu y'Abana n'abaterankunga mu iterambere bireba bahagarariwe ku rwego rwo hejuru. Iyo Komite Nyobozi ni yo itanga inama rusange kandi igakora inama zayo inshuro ebyiri mu mwaka igamije gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'intego zikubiye muri iyi Politiki, guhanahana amakuru no guhuriza hamwe ibikorwa ndetse no gufasha abakorewe ihohoterwa.

Abaterankunga mu iterambere bazagira uruhare rukomeye mu guhuriza hamwe ibikorwa by'iyi Politiki no kuyishyira mu bikorwa ibyo bakabikora batanga inkunga yo mu rwego rwa tekini, bakora ubuvugizi ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga ku birebana n'uburunganire n'ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse bakanashakisha amafaranga akenewe kugira ngo hakorwe ibikorwa byo gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu gihugu hose.

Ibikorwa bya tekini ku rwego rw'igihugu


Hashyizweho ku rwego rw'igihugu, Amatsinda abiri ya Tekini agamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku Gitsina akuriwe na MIGEPROF na MINISANTE kandi akaba abarizwa mu Cyiciro cy'inzego zishinzwe uburunganire (Gender Cluster). Ayo matsinda azagira uruhare mu gutanga inzobere mu bya tekini ku birebana n'intego z'iyi Politiki n'iza Gahunda y'imyaka 5 yo kuyishyira mu bikorwa kandi zikaba zigomba gushyikiriza Komite Nyobozi ku rwego rw'igihugu raporo ngarukagihembwe.

Ibikorwa ku rwego rw'inzego z'ibanze

Nk'uko biteganijwe mu mahame ngenderwaho ku rwego rw'igihugu, Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no Kurengera Abana zashyizweho uherye ku Mudugudu kugeza ku nzego zo hejuru. Ku rwego rw'ibanze rwo hasi, Umuyobozi w'Umudugudu akusanya amakuru atanzwe n'inzego zashyizweho n'abaturage mu gufasha polisi mu kwirindira umutekano n'atanzwe n'abajyanama b'ubuzima ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'ibikorwa bifatanywe isano n'iryo hohoterwa. Ayo makuru ashirikizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari wunganirwa n'Umukozi ushinze imibereho myiza y'abaturage n'uhagariye Polisi y'Igihugu (RNP) na we ayo makuru akayashyikiriza Komite ishinze kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/Kurengera abana.

Ku rwego rw'Akarere, Komite ishinze kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/Kurengera abana ikuriwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze imibereho myiza y'abaturage akaba ari Perezida wayo akunganirwa n'umukozi ushinze uburinganire no kurengera abana. Iyo Komite ifite inshingano yo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zigamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku rwego rw'Akarere kandi ni na yo ikusanya amakuru agaragaza ingorane ziriho n'intambwe imaze guterwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa izo gahunda guhera mu nzego zo hasi mu baturage kugeza ku nzego zo hejuru. Komite ishinze kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/Kurengera abana izakorana n'Ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere (JADF) maze itange ibitekerezo byo kwifashishwa mu kugena gahunda z'ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo ibyo bitekerezo ari byo bishingirwaho mu gukora igenamigambi ry'iterambere mu nzego z'ibanze. Ibindi bisobanuro ku ruhare rwa Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/Kurengera abana no ku nshingano zazo ndetse n'abazigize bikubiye mu mahame ngenderwaho ku rwego rw'igihugu agenga Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/kurengera abana.

UBURYO BWO GUHURIZA HAMWE IBIKORWA



5.3. Abafatanyabikorwa bafite uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo Kurwanya

Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina

Minisiteri y'Uburunganire n'Iterambere ry'umuryango

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina. Iyo nshingano iyuzura igira uruhare rukomeye mu guhuza ibikorwa, kubikurikirana no kubisuzuma cyane cyane ku birebana no gukorana n'izindi Minisiteri hagamijwe gushyiraho uburyo butandukanye bukwiye. Ifite kandi inshingano yo kumenyekanisha iyi Politiki.

Minisiteri y'Ubutabera

Iyi Minisiteri ni yo igomba kuza ku isonga mu kuzura inshingano yo kureba niba amategeko yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'andi mategeko yo muri urwo rwego yubahirizwa uko bikwiye. Izasabwa kandi gukorana ku buryo bwa hafi n'abafatanyabikorwa bireba hagamijwe gufata mbere y'igihe ingamba zifasha kureba niba amategeko yose ahana ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina akurikiranwa kandi akavugururwa. Izakora kandi ku buryo inzu z'ubufasha mu by'amategeko zikora neza kandi ikanareba niba abakozi bashinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina bakora ku buryo buhoraho kandi bakaba bafite n'ubushobozi bwo guhangana n'iryo hohoterwa.

Minisiteri y'Uburezi

Iyi Minisiteri igomba gukora ku buryo hategurwa politiki, amahugurwa, amategeko ngengamyitwarire, porogaramu z'amasomo na gahunda zo ku rwego rw'amashuri binoze hagamijwe umutekano w'abarimu n'abana ku mashuri no gukora ku buryo amashuri atera hakiri kare intambwe iganisha ku gutegurira abana n'urubyiruko kugira uruhare mu kubaka sosiyete itarangwamo ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Iyo Minisiteri izaba kandi ifite inshingano yo gukurikirana no gusuzuma niba intego yari igamijwe mu gutegura izo politiki, ayo mahugurwa n'ayo mategeko ngengamyitwarire n'izo porogaramu z'amasomo mu bigo by'amashuri, mu mashuri makuru no muri za kaminuza yaragezweho.

Minisiteri y'Ubuzima

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora ku buryo hashyirwaho politiki na gahunda binoze kandi bifasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kubona serivisi bakeneye. Muri icyo nshingano harimo gufata mbere y'igihe ingamba yo kwinjiza ihame ry'uburenganzira bwa muntu muri serivisi z'ubuzima bw'imyorokere kandi ibyo bigakorwa hifashishijwe ingamba zo kugoboka ku buryo bwihutirwa abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina (aha twavugaga nko kubaha ibinini bituma badasama bakimara gukoreshwa imibonano mpuzabitsina). Igomba kandi guteganya uburyo bwihariye bwo kwigisha abaturage ibirebana n'ihohoterwa n'isano rifitanye na virusi itera SIDA. Minisiteri y'Ubuzima ni na yo kandi igomba guteza imbere ibigo bitanga serivisi zihurijwe hamwe (One-Stop Centers).

Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora ku buryo hashyirwaho politiki n'amategeko ngengamyitwarire na gahunda binoze hagamijwe gukora ku buryo nta muntu n'umwe uri mu kazi uhozwa ku nkeke hagamijwe kumukoresha imibonano mpuzabitsina cyangwa ngo akorerwe irindi hohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

Minisiteri y'Umutekano mu Gihugu

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora igenzura igamijwe kureba niba gahunda zijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ziri hose kugira ngo yizere neza ko abantu bose bakorewe ihohoterwa bitabwaho ku buryo bwihuse kandi bakanahabwa neza serivisi bakeneye. Ibyo byose igomba kubikora yifashishije cyane cyane Polisi y'Igihugu. Iyo Minisiteri igomba kandi gushishikariza abaturage gahunda ziriho zerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina (aha twavugaga gutanga umurongo wa telefoni utishyurwa) hifashishijwe uburyo bwashyizweho n'abaturage mu gufasha polisi mu kwirindira umutekano.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora ku buryo hatagira igihungabanya imibereho myiza y'abaturage. Politiki y'Imibereho myiza y'Abaturage igaragaza neza ko Guverinoma yita ku buryo bw'umwihariko ku matsinda yihariye y'abantu. Ayo matsinda yitabwaho ku buryo bw'umwihariko ni agizwe n'abarokotse jenocide yakorewe Abatutsi, imfubyi, abana bari mu mibereho mibi, abapfakazi, ababana n'ubwandu bwa virusi itera SIDA, urubyiruko rukomoka mu miryango itishoboye, abasirikare bavuye ku rugerero, abantu babana n'ubumuga, abahungutse, impunzi, abageze mu zabukuru, abagwiriwe n'ibiza, abakiri inyuma basigajwe inyuma y'amateka, n'abandi.¹² Ni muri urwo rwego iyi Minisiteri igomba gukora ku buryo iyi Politiki yubahirizwa uko bikwiye kugira ngo hakumirwe ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishobora gukorerwa abatishoboye (haba mu mihanda, mu mayira no mu ngo). Igomba kandi gukora ku buryo abagore batishoboye nk'abapfakazi, imfubyi n'abana batishoboye baba mu ngo ziyoborwa n'abandi bana bubakirwa amacumbi akwiye kandi ari ahantu hari umutekano.

Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi

Iyi Minisiteri ifite inshingano yo gukora igenzura hagamiywe kureba niba ihame ry'uburinganire ryinjizwa mu ngengo y'imari ya Minisiteri zose zifite uruhare rukomeye mu guhangana n'ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibyo izabigeraho ishyiraho uburyo bugomba gukurikizwa mu kugena no gukurikirana amafaranga akoreshwa muri uru rwego. Ibi bizagira uruhare rukomeye mu gufasha Inama y'Igihugu y'Abagore n'iy'Urubyiruko ndetse n'indi miryango yita ku kibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kubona inkunga y'amafaranga. Iyi Minisiteri ifite kandi inshingano yo gushyiraho amahame ngenderwaho mu kwinjiza ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe muri gahunda no mu ngengo z'imari bitandukanye ku nzego zose.

Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco

Bitewe n'uko usanga akenshi ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishingiye ku mucu, iyi Minisiteri ni yo igomba kuza ku isonga ku kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'umuco zigamiye gukangurira abaturage kumenya ikibazo uko giteye no guteza imbere indangagaciro z'umuco nziza zishimangira uburinganire. Iyi Minisiteri ni yo kandi izaza ku isonga mu gukora ku buryo gahunda zigamiye gushishikariza urubyiruko kumenya uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina zishyirwa mu bikorwa mu duce twose tw'igihugu hifashishijwe Inama y'Igihugu y'Urubyiruko(NYC).

Minisiteri y'Ingabo

Iyi Minisiteri igomba gukora ku buryo ibikorwa byo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina byinjizwa muri gahunda yo kubungabunga umutekano kandi ibyo bikanakorwa hategurwa amahame ngenderwaho agaragara yerekana amategeko ngengamikorere anoze agenga abantu bose bari mu ngabo z'igihugu.

Minisiteri Ishinzwe Ibikorwa by'Inama y'Abaminisitiri

Kuba ari Minisiteri ishinze gufasha Guverinoma kugera ku mikorere myiza kandi inoze, iyi Minisiteri igomba gukora ku buryo iyi Politiki ishyikirizwa Inama y'Abaminisitiri ku gihe kugira ngo iyisuzume kandi iyemeze.

Inteko Ishinga Amategeko

Mu rwego rw'inshingano ifite yo gutegura, gutora no gushyiraho amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma mu izina ry'abaturage, Inteko Ishinga Amategeko izafasha mu gutora ingengo y'imari yita ku

¹² MINALOC, Social Protection Policy 2005, p.5

buringanire. Ibyo izabikora yifashishije cyane cyane Komisiyo zayo zishinzwe Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango. Izaganzura kandi ibigo bya Leta byose igamije kureba niba byubahiriza iyi Politiki uko bikwiye.

Uturere

Minisiteri ishinze Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango izafatanyaga na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mu gufasha gushyiraho no guhuriza hamwe ibikorwa byo kwita ku buringanire ku rwego rw'Uturere n'Imirenga. Serivisi ishinze guteza imbere uburinganire ku rwego rw'akarere izaba ifite inshingano zikurikira:

- Gukora ku buryo ibibazo byose birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina byinjizwa ku buryo bukwiye muri gahunda z'iterambere n'ingengo z'imari by'Uturere
- Kugenzura no gufasha ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'uburinganire ku rwego rw'Akarere;
- Gutegura gahunda z'iterambere zita ku buringanire;
- Gufasha Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina/kurengera abana mu nzego z'ibanze gukora neza;
- Gushishikariza abantu kudahishira ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- Kugira uruhare mu gukusanya amakuru n'imibare ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Inama y'Igihugu y'Abagore

Bitewe no kuba ihagarariwe kuri buri rwego rw'imitegekere y'igihugu, Inama y'Igihugu y'Abagore (NWC) ifite inshingano yo gufasha abaturage kumenya amategeko yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi ibyo ikabikora ifasha abagore kumenya uburenganzira bwabo. Igomba kandi gufata hakiri kare ingamba zo kumenya ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bigaragara mu baturage no gukorana n'imiryango birebana.

Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO)

Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu rufite inshingano yo gukora isuzuma rya buri gihe rigamije kureba niba ibipimo by'uburinganire ku rwego rw'igihugu byubahirizwa. Urwo rwego rufite inshingano yihariye yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Muri rusange uru rwego rufatwa nk' "urwego ngenzuzi" rushinzwe gukurikirana ibirebana n'uburinganire ku rwego rw'igihugu. Uru rwego kandi rufite inshingano yo kugena inyandiko shusho igomba gukurikizwa mu kugaragaza ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gushyiraho ibipimo bigomba gushingirwaho mu kwerekana uko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze. Na none kandi, uru rwego rufite inshingano yo kunonosora, gusuzuma no gukwirakwiza amakuru n'imibare bya ngombwa kandi byizewe byo ku rwego rw'igihugu ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Polisi y'Igihugu (RNP)

Polisi y'Igihugu ibinyujije mu rwego rwayo rurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (Gender Desk), izatanga serivisi zihuse kandi zinoze ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibyo kandi izabigeraho ishyira kuri buri bitaro by'akarere umupolisi ushinze gukurikirana ku buryo bwihuse ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Polisi y'Igihugu kandi izagira uruhare mu gufasha abaturage gusobanukirwa itegeko ryerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'urwunge rw'amategeko ahana kandi ikanagira ibitabo byo kwandikamo imibare igaragaza ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina yamenyeshejwe.

Ubushinjacyaha Bukuru (NPPA)

Inshingano y'Ubushinjacyaha Bukuru ni ukugira uruhare mu kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu ibyo kandi bukabikora bukurikirana abakoze ibyaha bagashyikirizwa inkiko kandi bakaburanishwa mu buryo buboneye nk'uko biteganijwe mu Itegeko Nshinga, mu mategeko no mu mateka yubahirizwa mu gihugu n'amategeko mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono. Bubinyujije muri serivisi yabwo ishinze gukurikirana ihohoterwa rishingiye ku gitsina no ku bufatanye bw'abandi bafatanyabikorwa, Ubushinjacyaha Bukuru buzagira uruhare rukomeye mu gukumira, gukurikirana no guhana ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (NYC)

Bitewe n'uko ihagarariwe kuri buri rwego rw'imitegekere y'igihugu, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko igomba guhabwa ishingano yo gufasha abana n'urubyiruko kumenya amategeko yerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Igomba na none gufata hakiri kare ingamba zo kumenya ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abana n'urubyiruko aho baba mu giturage no gukorana n'imiryango bireba.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu

Iyi Komisiyo izagira uruhare rukomeye mu gukorana n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi hagamijwe guteza imbere uburenganzira bwa muntu no kumenya no kugaragaza ibikorwa bihohotera uburenganzira bwa muntu bifatanye isano n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibyo izabigeraho yifashishije serivisi yayo ishinze igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu.

Urwego rw'Umuvunyi

Mu rwego rw'inshingano yarwo yo kurwanya akarengane na ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rugomba gushyiraho serivisi yihariye ishinze gukurikirana akarengane gashingiye ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina na ruswa ishingiyeye ku gitsina.

Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC)

Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC) gifite inshingano yo gufasha abaturage kumenya isano iri hagati y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina muri rusange na virusi itera SIDA ku buryo bw'umwihariko. Gishinze kandi kwita ku bibazo by'akato cyane cyane agakorerwa abahohotewe bagakoreshwa imibonano mpuzabitsina batabishaka.

Komisiyo y'Igihugu Ishinze Kurwanya Jenoside

Abenshi mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni abagore bafashwe ku ngufu kandi bamwe muri bo bandujwe virusi itera SIDA. Kuba ari urwego rwigenga, Komisiyo y'Igihugu Ishinze kurwanya Jenoside izashyiraho uburyo bwo kungurana ibitekerezo ku ngaruka zo gufatwa ku ngufu no ku ngamba zifasha guhangana n'icyo kibazo. Iyo Komisiyo izakomeza gukora ubuvugizi hagamijwe kunoza ibikorwa bigamije gutanga serivisi z'ubujyanama n'isanamitima ku bafashwe ku ngufu mu gihe cya jenoside.

Ikigo cy'Igihugu Gishinze Ibarurishamibare

Bitewe n'uko ari ngombwa kugira imibare ifatika ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, icyo Kigo kizafasha gukora ku buryo ubushakashatsi bwose bukoze na za Minisiteri zitandukanye ku birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bugaragaza neza imibare ijyanye na buri cyiciro cy'abantu kandi kigakora ku buryo amakuru n'imibare bikusanyijwe ku birebana n'ihohoterwa byifashishwa mu gukora ubuvugizi, igenamigambi n'ikurikiranabikorwa.

Ibigo by'amashuri makuru

Ibi bigo bizagira uruhare mu gukora ubushakashatsi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Bigomba gukora ku buryo amasomo asanzwe n'amahugurwa y'igihe gito aba akubiyemo ku buryo nyabwo ibijyanye n'uburinganire n'ibindi bijyanye na bwo. Ni muri urwo rwego ibigo by'amashuri makuru bizagira uruhare gufasha abaturage kumenya ibijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kongerera ubushobozi abashakashatsi kugira ngo basobanukirwe kandi bashobore gusobanura neza ibyerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina igihe bari mu makoranirwa atandukanye.

Urwego Ngishwanama ku Miyoborere (RGB)

Urwego Ngishwanama ku Miyoborere rufite inshingano yo guteza imbere no gukurikirana imiyoborere myiza mu bigo bya Leta, mu masosiyete no muri sosiyete sivili mu Rwanda kandi ibyo rukabigeraho rwifashishije ubushakashatsi, serivisi zo gutanga inama, impaka kuri politiki ziriho no gukorana n'izindi nzego. Urwo rwego rugomba kugira inama Guverinoma ku birebana na politiki n'ingamba byose bishingiye ku bushakashatsi. Iyo urwo rwego rukora ibyo ruba rushobora gushyigikira ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu gihugu.

Imiryango itegamiye kuri Leta, Imiryango ikorera mu baturage n'abakora muri sosiyete sivili

Abakora mu miryango itegamiye kuri Leta, no mu miryango ikorera mu baturage ndetse n'abandi bakora muri sosiyete sivili bazakomeza kugira uruhare mu gutanga serivisi kandi banashimangire inshingano zabo kandi baninjize muri izo nshingano igikorwa cy'ubuvugizi. Ni yo mpamvu Ihuriro ry'imiryango igize sosiyete sivili rigomba kubigiramo uruhare rukomeye. Kugira ngo ihohoterwa rishobora kubakorerwa rigabanyuke, abari mu matsinda y'abashobora kuba bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abandi bagomba kugira uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Imiryango ishamikiye ku madini cyangwa ku matorero

Bitewe n'uruhare rugaragara ifite mu buzima bw'Abanyarwanda bwa buri muni, imiryango ishamikiye ku madini cyangwa ku matorero izagira uruhare mu bikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse n'ihohoterwa rikorerwa abana mu giturage. Ibyo bizagerwaho hifashishijwe kwigisha abaturage (aha twavugaga nk'igihe bahabwa inyigisho zibategurira gushinga urugo), kongerera abagore ubushobozi mu by'ubukungu, gukora ubuvugizi no gutanga ubujyanama hifashishijwe inyigisho z'idini cyangwa z'itorero.

Ibitangazamakuru

Ibitangazamakuru bizagira uruhare rwo kwigisha abaturage ibyerekeye ihohoterwa rishingiye ku gitsina no guca ukubiri n'umuco wo guceceka no kugira isoni bijyana n'iryo hohoterwa. Ibitangazamakuru bizaza ku isonga mu guhindura imyumvire y'abantu ku giti cyabo n'iya sosiyete ndetse no guteza imbere indangagaciro zijyanye n'uburinganire kandi bikareka gukwirakwiza imyumvire n'imigenzereze idahwitse ku birebana n'uburinganire. Ibitangazamakuru bizateza imbere umuco wo gutara inkuru zigaragaza ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryabaye.

Urwego rw'abikorera

Kubera isano iri hagati y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'amikoro make y'abagore mu by'ubukungu, urwego rw'abikorera rugomba kugira uruhare mu mibereho myiza y'abaturage ibyo rukabikora rutera inkunga abagore hifashishijwe kubongerera ubumenyi no kubateza imbere mu mirimo bakora ndetse no kutihanganira na rimwe ihohoterwa rishingiye ku gitsina aho bakorerwa.

Imiryango mpuzamahanga n'abaterankunga mu iterambere:

Guverinoma y'u Rwanda ntabwo ifite amikoro yo mu rwego rw'imari na tekini akenewe kugira ngo iyi Politiki ishyirwe mu bikorwa. Ni yo mpamvu imiryango mpuzamahanga itandukanye n'abaterankunga batandukanye mu iterambere bazatera inkunga Guverinoma y'u Rwanda mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Politiki.

6. UMWANZURO

Kugira ngo Guverinoma y'u Rwanda igere ku cyerekezo yihaye cyo guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina muri sosiyete nyarwanda, yateguye iyi Politiki yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina. Iyi Politiki kandi iri mu rwego rwa Gahunda y'igihugu yo kurwanya ubukene kandi iza yuzuzwa Politiki y'Igihugu Yerekeye Uburunganire. Ni yo mpamvu intego yo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina ifatwa nka zimwe mu ntego z'iterambere ry'igihugu kandi igafasha igihugu gushyira mu bikorwa inshingano yo kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

Iyi politiki isaba inzego zose gukorera hamwe hagamijwe gukumira ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe. icyerekezo kigamijwe muri iyi Politiki ni uguca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina muri sosiyete nyarwanda no gukora ku buryo sosiyete nyarwanda ishobora gukumira ku buryo bunoze kandi bwuzuye ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe mu gihe hagitegerejwe ko icyo cyerekezo kigerwaho.

Iyi Politiki igamije intego eshatu z'ingenzi arizo: a) gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, b) gufasha abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina no c) guhuriza hamwe no gukusanya ibimenyetso kugira ngo izo ntego ebyiri za mbere zigerweho.

Isuzuma ryakozwe ryerekana ko hakiri byinshi bikeneye gukorwa kugira ngo abaturage bafashwe guhindura imyumvire ijyanye n'uburunganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kubafasha kurushaho gusobanukirwa amategeko no guteza imbere indangagaciro z'umuco zikwiye – hifashishijwe ibikorwa byo kwigisha abaturage, iby'ubuvugizi no gusaba abafatanyabikorwa bose kubigiramo uruhare.

Ni ngombwa kandi gushyiraho uburyo bwo kugaragaza ibikorwa by'ihohoterwa, ubwo gupima abakorewe iryo hohoterwa, ubwo kubaha serivisi z'ubujyanama n'ubwo guhita barindirwa umutekano tutibagiwe n'izindi serivisi zo kubakurikirana. Ubwo buryo bugomba kujyana kandi n'ingamba zihamye zo gukumira iryo hohoterwa no guhana abarikoze. Ubuyobozi bwo ku rwego rw'igihugu na bwo bugomba gukora ku buryo hashyirwaho amategeko na politiki bigamije gutuma abaturage bose babaho mu mahoro no mu mutekano. Igihugu ntigishobora kunanirwa kugera kuri iyi ntego kuko igikenewe ari uko abantu biha intego ihamye kandi hakaba hariho abakozi n'imari bikenewe.

7. AMAFARANGA AKENEWE

Kugira ngo Politiki y'Igihugu yo Kurwanya ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina ishobore gushyirwa mu bikorwa hazakenerwa amafaranga ahagije. Ibikorwa bigomba gukorwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iyi Politiki bikubiye muri Gahunda y'Igihugu y'imyaka 5 yo Kurwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina kandi ibikorwa bikubiye muri iyi gahunda bikaba bisaba amafaranga angana na 36.124. 383 z'amadorari y'Abanyamerika. Kubera ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari ikibazo kireba inzego zose, abafatanyabikorwa bose bagomba gushyira hamwe mu gutanga ingengo y'imari ikenewe. Ingengo y'imari igenerwa ibikorwa byo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina igenwa na MIGEPROF ndetse n'abaterankunga bayo batandukanye baba abegamiye cyangwa abategamiye kuri Leta, baba ari ibigo bikorana na yo ubwabyo cyangwa biri hamwe n'ibindi bigo izakoresha mu gushyira mu bikorwa iyo Gahunda y'imyaka 5. Ubufatanye bufatika n'imikoranire myiza bizafasha mu gushakisha amafaranga no gushyira mu bikorwa iyi Gahunda ku buryo bwihuse.